

ISOBANURAMPAMVU KU MUSHINGA W'ITEGEKO RIHINDURA ITEGEKO N°48/2017 RYO KU WA 23/09/2017 RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA	EXPLANATORY NOTE ON THE DRAFT LAW AMENDING LAW N° 48/2017 OF 23/09/2017 GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA	EXPOSE DES MOTIFS DU PROJET DE LOI PORTANT MODIFICATION DE LA LOI N° 48/2017 DU 23/09/2017 RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA
<p><u>I. ITANGIRIRO</u></p> <p>Mu rwego rwo gushyiraho ihuriro ry'ishoramari riza mu Rwanda n'iriva mu Rwanda rijya mu karere ruherereyemo ndetse no ku isi yose, binyuze mu Ihuriro Mpuzamahanga ry'Imari rya Kigali (KIFC), Leta y'u Rwanda binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, yatangiye kuvugurura no guhindura amategeko atandukanye kugira ngo iyahuze n'amahame ngenderwaho mpuzamahanga y'Ihuriro Mpuzamahanga ry'Imari.</p> <p>Rimwe mu mategeko akenewe guhindurwa ni Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, dore ko Banki Nkuru y'u Rwanda ari kimwe mu bigo bishyiraho amabwiriza azagenga abacuruzi u Rwanda rwifuzaga gushishikariza gukorera mu Ihuriro Mpuzamahanga ry'Imari rya Kigali.</p>	<p><u>I. BACKGROUND</u></p> <p>In order to create an Ecosystem attractive for investment in Rwanda and from Rwanda to the region and globally through the Kigali International Financial Center (KIFC), the Government of Rwanda through the Ministry of Finance and Economic Planning has started the revision and amendment of a number of laws to ensure that they comply with international standards of an International Financial Center.</p> <p>Among the laws amended is Law N° 48/2017 of 09/23/2017 governing the National Bank of Rwanda insofar as the National Bank of Rwanda is one of the regulators of the new players that Rwanda wishes to attract within Kigali Ecosystem of the International Financial Center.</p>	<p><u>I. INTRODUCTION</u></p> <p>Afin de créer un écosystème attrayant pour les investissements au Rwanda et du Rwanda à la région et dans le monde entier à travers le Centre Financier International de Kigali (KIFC), le Gouvernement du Rwanda par l'intermédiaire du Ministère des Finances et de la Planification Economique a commencé la révision et la modification d'un certain nombre de lois pour s'assurer qu'elles sont conformes aux normes internationales d'un centre financier international.</p> <p>Parmi les lois examinées figure la Loi n ° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda dans la mesure où la Banque Nationale du Rwanda est l'un des régulateurs des nouveaux acteurs que le Rwanda souhaite attirer au sein de</p>

<p>Mu Ihuriro Mpuzamahanga ry’Imari rya Kigali, amasosiyete atanga serivisi ku yandi masosiyete akorera mu Ihuriro Mpuzamahanga ry’Imari rya Kigali azagira uruhare runini mu gufasha abashoramari mpuzamahanga bifuza gushinga ibigo by’ubucuruzi mu Ihuriro Mpuzamahanga ry’Imari rya Kigali no gukoresha u Rwanda nk’igicumbi cy’ishoramari mu karere no ku isi yose. Kubera ko serivisi zihabwa bene aba bashoramari mpuzamahanga zigomba kubahiriza ibisabwa mu kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, aya masosiyete azajya ahabwa uburenganzira bwo gukora kandi agenzurwe na Bank Nkuru y’u Rwanda, ku mpamvu zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Banki Nkuru y’u Rwanda yizewe n’abashoramari mpuzamahanga bifuza gukoresha u Rwanda nk’ihuriro ry’ishoramari mu ruhando rw’imari; - Banki Nkuru y’u Rwanda ifite ubushobozi, haba ibikorwa remezo, abakozi b’inzobere, haba na “systems” bikwiriye byayifasha kugenzura no gushyira mu bikorwa iyubahirizwa ry’ibisabwa mu kurwanya iyezandonke; 	<p>Within the Kigali International Financial Centre ecosystem, Trusts and Company Service Providers will play a fiduciary role for Global Investors intending to set up business entities in Rwanda and use Rwanda as a base and invest in the region and globally. Since fiduciary services to be provided to Global investors include, inter alia, compliance to anti-money laundering and counter financing of terrorism requirements, licensing and regulation of companies and trusts of providers of services should, in accordance with international practices, be the responsibility of the National Bank of Rwanda as a regulator for the following reasons:</p> <ul style="list-style-type: none"> - National Bank of Rwanda is trusted by global investors intending to use Rwanda as a destination for investment in the Financial Centre; -National Bank of Rwanda has adequate infrastructure and resources to supervise and enforce compliance to anti-money laundering requirements; 	<p>l'écosystème Kigali de la place Financière Internationale.</p> <p>Au sein de l'écosystème du Centre Financier International de Kigali, les fournisseurs de services aux trusts et sociétés joueront un rôle fiduciaire pour les investisseurs mondiaux qui ont l'intention de créer des entités commerciales au Rwanda et d'utiliser le Rwanda comme base et d'investir dans la région et dans le monde. Étant donné que les services fiduciaires à fournir aux investisseurs mondiaux comprennent, entre autres, le respect des exigences en matière de lutte contre le blanchiment d'argent et le financement du terrorisme, l'octroi de licences et la réglementation des sociétés et des fiduciaires de fournisseurs de services devraient, conformément aux pratiques internationales, relever de la Banque nationale du Rwanda en tant que régulateur pour les raisons suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> - La Banque Nationale du Rwanda fait confiance aux investisseurs mondiaux qui ont l'intention d'utiliser le Rwanda comme
---	---	---

<p>- Banki Nkuru y'u Rwanda isanganywe ububasha n'ubuzobere mu gushyiraho amabwiriza agenga ibigo by'imari, bityo ikaba yakoroherwa no kugenzura bene aya masosiyete.</p> <p>II. Impinduka zakozwe mu Itegeko n° 48/2017</p> <p>Hashingiwe ku byavuzwe mu ntangiriro, no mu rwego rwo kubahiriza imikorere mpuzamahanga:</p> <p>1° Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda ivuguruwe kugira ngo Banki Nkuru y'u Rwanda ihabwe inshingano yo gutanga uburenganzira bwo gukora no kugenzura amasosiyete atanga serivisi ku yandi masosiyete akorera mu Ihuriro Mpuzamahanga ry'Imari rya Kigali. Indi mpinduka ni uko mu rwego rw'imyandikire, ingingo ya 6 yagabanyijwemo ingingo ebyiri hagamijwe gutandukanya intego (ingingo ya 6) n'inshingano (ingingo ya 6 bis) bya Banki Nkuru y'u Rwanda.</p> <p>2° Ingingo ya 13 yahinduwe hagamijwe ko uburyo abagize Inama y'Ubuyobozi ya Banki Nkuru y'u Rwanda, harimo Perezida na Visi Perezida bayo, bashyirwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.</p>	<p>-National Bank of Rwanda already has the necessary power and expertise to regulate financial institutions and therefore should be also able to regulate Trusts and Company Service Providers.</p> <p>II. Modifications to the Law n° 48/2017</p> <p>On the basis of the above background and in order to comply with international practice:</p> <p>1° Article 6 of the Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended to give the National Bank of Rwanda the mandate of licensing and regulating the activities of trusts and company service providers. The wording of article 6 has also been split into two articles to separate the mission (article 6) from responsibilities (article 6 bis) of the National Bank of Rwanda.</p> <p>2° Article 13 was amended to fallow the appointment of Directors to the Board of Directors of the National Bank of Rwanda, including the Chairperson and the Deputy Chairperson of the Board, by the Presidential Order.</p>	<p>destination d'investissement dans le Centre Financier;</p> <p>-La Banque nationale du Rwanda dispose des infrastructures et des ressources nécessaires pour superviser et faire respecter les exigences en matière de lutte contre le blanchiment d'argent;</p> <p>- La Banque Nationale du Rwanda a déjà le pouvoir et l'expertise nécessaires pour réglementer les institutions financières et devrait donc être capable de réglementer aussi les fournisseurs de services aux trusts et sociétés.</p> <p>II. Modifications à la Loi n° 48/2017</p> <p>Sur base de l'introduction ci-dessus et afin de se conformer à la pratique internationale :</p>
---	--	--

III. IMITERERE Y'UMUSHINGA W'ITEGEKO

Umushinga w'itegeko ugizwe n'ingingo esheshatu zikurikira:

Ingingo ya mbere yerekeye intego ya Banki Nkuru y'uRwanda.

Ingingo ya 2 yerekeye Inshingano za Banki Nkuru y'u Rwanda.

Ingingo ya 3 yerekeye abagize Inama y'Uboyozi ya Banki Nkuru y'uRwanda

Ingingo ya 4 yerekeye itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko;

Ingingo ya 5 yerekeye ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko;

Ingingo ya 6 yerekeye igihe itegeko ritangira gukurikizwa.

III. STRUCTURE OF THE DRAFT LAW

The draft law contains six articles as follows:

Article One is about the mission of the National Bank of Rwanda in general.

Article 2 relates to the responsibilities of the National Bank of Rwanda.

Article 3 relates to the composition of the Members of the Board of Directors.

Article 4 relates to the Drafting, consideration and adoption of this Law.

Article 5 is about the Repealing provision.

Article 6 is about the commencement.

1° L'Article 6 de la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié pour donner à la Banque Nationale du Rwanda le mandat d'accorder des licences et de réglementer les activités des trusts et des prestataires de services. Le libellé de l'article 6 a par ailleurs été scindé en deux articles pour séparer la mission (article 6) des attributions (article 6 bis) de la Banque nationale du Rwanda.

2° L'article 13 a été modifié pour permettre la nomination des administrateurs au Conseil d'administration de la Banque Nationale du Rwanda, y compris le Président et le Vice Président, par arrêté présidentiel.

III. STRUCTURE DU PROJET DE LOI

Le projet de loi contient cinq articles comme suit :

L'article One porte sur la mission de la Banque nationale du Rwanda en général.

		<p><i>L'article 2</i> concerne les attributions de la Banque nationale du Rwanda.</p> <p><i>L'article 3</i> concerne les Membres du Conseil d'Administration.</p> <p><i>L'article 4</i> concerne l'initiation, l'examen et l'adoption de la présente loi ;</p> <p><i>L'article 5</i> concerne la disposition abrogatoire</p> <p><i>L'article 6</i> concerne l'entrée en vigueur de la loi.</p>
--	--	--

<p>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIHINDURA ITEGEKO N° 48/2017 RYO KU WA 23/09/2017 RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Intego</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Inshingano</u></p> <p><u>Ingingo ya 3: Abagize Inama y'Ubuyobozi</u></p>	<p>DRAFT LAW N° OF AMENDING LAW N° 48/2017 OF 23/09/2017 GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One: Mission</u></p> <p><u>Article 2: Responsibilities</u></p> <p><u>Article 3: Members of the Board of Directors</u></p>	<p>PROJET DE LOI N° DU MODIFIANT LA LOI N° 48/2017 DU 23/09/2017 RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLES DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier: Mission</u></p> <p><u>Article 2: Attributions</u></p> <p><u>Article 3: Membres du Conseil d'Administration</u></p>
--	---	---

<u>Ingingo ya 4:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko	<u>Article 4:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 4:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri tegeko	<u>Article 5:</u> Repealing provision	<u>Article 5:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 6:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa	<u>Article 6:</u> Commencement	<u>Article 6:</u> Entrée en vigueur

<p>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIHINDURA ITEGEKO N° 48/2017 RYO KU WA 23/09/2017 RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>DRAFT LAW N° OF AMENDING LAW N° 48/2017 OF 23/09/2017 GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its session of;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 and 176;</p>	<p>PROJET DE LOI N° DU MODIFIANT LA LOI N° 48/2017 DU 23/09/2017 RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT:</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 et 176;</p>
--	--	---

<p>Isubiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;</p>	<p>Having reviewed Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, especially in Article 6;</p>	<p>Revu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en son article 6;</p>
<p>YEMEJE:</p>	<p>ADOPTS:</p>	<p>ADOPTE:</p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Intego</u></p>	<p><u>Article One: Mission</u></p>	<p><u>Article premier: Mission</u></p>
<p>Ingingo ya 6 y’Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>Article 6 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p>	<p>L’article 6 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p>
<p><u>“Ingingo ya 6: Intego</u></p>	<p><u>“Article 6: Mission</u></p>	<p><u>“Article 6: Mission</u></p>
<p>Intego ya BNR ni ukubungabunga agaciro k’ifaranga no kubaka urwego rw’imari rutajegajega”.</p>	<p>The mission of NBR is to ensure price stability and sound financial system”.</p>	<p>La mission de BNR consiste à assurer la stabilité des prix et la solidité du système financier”.</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Inshingano</u></p>	<p><u>Article 2: Responsibilities</u></p>	<p><u>Article 2: Attributions</u></p>
<p>Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda, ryongewemo ingingo ya 6 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p>In Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, Article 6 <i>bis</i> is inserted to read as follows:</p>	<p>Dans la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, il est inséré l’article 6 <i>bis</i> libellé comme suit:</p>
<p><u>“Ingingo ya 6 bis: Inshingano</u></p>	<p><u>“Article 6 bis: Responsibilities</u></p>	<p><u>“Article 6 bis: Attributions</u></p>
<p>BNR ifite inshingano zikurikira:</p>	<p>NBR has the following responsibilities:</p>	<p>BNR a les attributions suivantes:</p>
<p>1° kugena no gushyira mu bikorwa politiki yerekeye ifaranga;</p>	<p>1° to define and implement the monetary policy;</p>	<p>1° définir et mettre en oeuvre la politique monétaire;</p>

<p>2° gutunganya, kugenzura no guhuza ibikorwa by'isoko ry'ivunjisha;</p> <p>3° kugenzura no gushyiraho amabwiriza agenga ibigo by'imari harimo amabanki, ibigo by'imari iciriritse, ibigo biguriza bitakira amafaranga ya rubanda, ibigo bikora imirimo y'ikodesha gurisha, ibigo by'ubwishingizi, ibigo by'ubwiteganyirize bw'abakozi, ibigega by'ubwiteganyirize n'ibindi bigo bikora imirimo y'imari itagenzurwa n'urundi rwego hashingiwe ku mategeko yihariye;</p> <p>4° kugenzura no gushyiraho amabwiriza agenga amasezerano ajyanye no gucunga iby'abandi ku bwizerane, na sosiyete zitanga serivisi, iyo izo sosiyete zitegura cyangwa zikora mu izina ry'umukiliya, ibikorwa bijyanye n'imirimo ikurikira:</p> <p>5° gukora nk'ifite ububasha mu gutangiza ibigo bifite ubuzimagatozi;</p>	<p>2° to organise, supervise and coordinate the foreign exchange market;</p> <p>3° to supervise and regulate the activities of financial institutions including banks, micro finance institutions, non-deposit taking lending institutions, finance-lease institutions, insurance institutions, social security institutions, pension funds/schemes institutions, discount houses and other financial institutions that are not supervised by any other institution under specific laws;</p> <p>4° to supervise and regulate trusts and company service providers, when those companies prepare for or carry out transactions for a client concerning the following activities:</p> <p>5° to act as a formation agent of legal persons;</p>	<p>2° organiser, superviser et coordonner le marché des changes;</p> <p>3° superviser et régler les activités des institutions financières, y compris les banques, les institutions de micro-finance, les établissements de crédits qui ne reçoivent pas les fonds du public, les institutions de crédit-bail, les entreprises d'assurance, les organismes de sécurité sociale, les fonds des régimes de retraite, maisons de rabais et autres institutions financières qui ne sont supervisées par aucune autre institution en vertu des lois spécifiques;</p> <p>4° superviser et régler des fidicies et des sociétés prestataires de services, lorsque ces sociétés préparent ou effectuent au nom d'un client des opérations en rapport avec les activités suivantes:</p> <p>5° agir en qualité d'agent pour la constitution de personnes morales;</p>
---	---	--

<p>6° gukora cyangwa gufasha undi muntu gutuma akora nk'umwe mu bagize inama y'ubutegetsu cyangwa umwanditsi w'isosiyete, umwe mu bagize isosiyeti ishingiyeye ku bufatanye cyangwa umwanya usa n'uwo mu bindi bigo bifite ubuzima gatozi;</p> <p>7° gukora nk'icyicaro cya sosiyete, aderesi y'ubucuruzi cyangwa iy'ubuyobozi bya sosiyete, sosiyete y'ubufatanye cyangwa ikindi kigo gifite ubuzimagatozi cyangwa ikigo gishinzwe gucunga iby'abandi;</p> <p>8° gukora cyangwa gufasha undi muntu gutuma akora nk'ucunga iby'abandi cyangwa gukora inshingano zisa nk'izo mu kigo gishinzwe gucunga iby'abandi;</p> <p>9° gukora cyangwa gutuma undi muntu akora nk'umunyamigabane uhagarariye undi muntu.</p>	<p>6° to act as or arrange for another person to act as a director or a company secretary, a partner of a partnership or a similar position within other institutions with legal personality;</p> <p>7° to serve as a head office, business or administrative address of a company, a partnership or any other legal person or fiduciary institution;</p> <p>8° to act as or arrange for another person to act as a trustee of an express trust or perform a similar function of a trust corporation;</p> <p>9° to act as or arrange for another person to act as a nominee shareholder for another person.</p>	<p>6° agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de membre du conseil d'administration ou de secrétaire de la société, d'associé d'une société des personnes ou de titulaire d'une fonction similaire au sien d'autres institutions ayant la personnalité juridique;</p> <p>7° servir de siège social, une adresse commerciale ou administrative d'une société, un partenariat ou toute autre personne morale ou institution fiduciaire;</p> <p>8° agir ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse, en qualité de fiduciaire, une fiducie ou exercer une fonction similaire d'une institution fiduciaire;</p> <p>9° agir ou prendre des mesures, afin qu'une autre personne agisse, en qualité d'actionnaire agissant pour le compte d'une autre personne.</p>
--	---	--

10° kugenzura no gushyiraho amabwiriza rusange uburyo bw'imyishyuranire;	10° to supervise and regulate payment systems;	10° superviser et régler les systèmes de paiement;
11° gusesengura urwego rw'imari hagamijwe gushyigikira ukwiyongera n'iterambere by'ubukungu;	11° to conduct a financial stability assessment for sustaining economic growth and development;	11° évaluer la stabilité financière pour soutenir la croissance et le développement économique;
12° gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki zo guteza imbere ishyirwaho ry'amabwiriza rusange n'igenzura by'uburyo bw'ihwanyabwishyu n'uburyo bw'imyishyuranire bunoze kandi bukora neza;	12° to formulate and implement policies to promote the establishment of regulations and the supervision of efficient and effective clearing and settlement payment systems;	12° formuler et mettre en oeuvre des politiques visant à promouvoir la mise en place des règlements et la supervision des systèmes de compensation et de paiement efficaces et efficaces;
13° gucunga ifaranga;	13° to manage currency;	13° gérer la monnaie;
14° kubika no gucunga amafaranga y'amanyamahanga;	14° to hold and manage official foreign exchange reserves;	14° détenir et gérer les réserves officielles de change;
15° kuba Umubitsi wa Leta;	15° to act as State Cashier;	15° servir de Caissier de l'État;
16° gukusanya, kwegeranya, gukwirakwiza mu gihe gikwiye ibitabo by'imibare y'ibarura yerekeye ifaranga n'imari;	16° to collect, compile, disseminate monetary and related financial statistics on a timely basis;	16° collecter, rassembler, disséminer à temps opportun les statistiques monétaires et financières;
17° gukurikirana no guteza imbere imikorere y'ibigo by'imari no kugenzura ko byubahiriza amategeko abigenga harimo	17° to follow up and promote the soundness of financial institutions and their compliance with governing laws, including law on	17° faire le suivi et promouvoir la solidité des institutions financières et le respect des lois applicables, y compris la loi relative à la

<p>itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>18°gukurikirana ko ibigo by'imari bishyiraho politiki n'uburyo bw'igenzura n'imicungire binoze by'ingorane zavuka;</p> <p>19°gushyiraho politiki zirinda uburenganzira n'inyungu by'abakiliya, ababitsa n'abandi bafite inyungu iyo ari yo yose itari ukubitsa mu bigo by'imari hitabwaho ko ibigo by'imari bikeneye gupiganwa neza ku isoko no gukora ibishoboka byose birinda ingorane zishobora kubaho;</p> <p>20°gukora indi nshingano yahabwa n'andi mategeko”.</p>	<p>prevention and punishment of money laundering and terrorism financing;</p> <p>18°to ensure that financial institutions adopt policies and procedures designed to effectively control and manage risks;</p> <p>19°to adopt policies to safeguard the rights and interests of customers, depositors and creditors of financial institutions, taking into account the need for financial institutions to compete effectively in the market and take reasonable risks;</p> <p>20°to carry out any other mission that may be assigned to it by other laws”.</p>	<p>prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme;</p> <p>18°s’assurer que les institutions financières mettent en place des politiques et un cadre de contrôle et de gestion efficaces des risques;</p> <p>19°mettre en place les politiques pour sauvegarder les droits et les intérêts des clients, déposants et créanciers des institutions financières, en tenant compte du besoin des institutions financières de faire une concurrence efficace sur le marché et de prendre des mesures raisonnables pour éviter le risque;</p> <p>20°exécuter toute autre mission pouvant lui être confiée par d’autres lois”.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Inama y’Ubuyobozi</u></p> <p>Ingingo ya 13 y’Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y’u Rwanda ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Inama y’ubuyobozi igizwe n’abantu icyenda (9) bakurikira:</p>	<p><u>Article 3: Members of the Board of Directors</u></p> <p>Article 13 of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda is amended as follows:</p> <p>“The Board of Directors consists of the following nine (9) members:</p>	<p><u>Article 3: Membres du Conseil d’Administration</u></p> <p>L’article 13 de la loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda est modifié comme suit:</p> <p>“Le Conseil d’Administration est composé de neuf (9) membres suivants:</p>

<p>1° Guverineri;</p> <p>2° Guverineri Wungirije;</p> <p>3° Abandi barindwi (7) bashyirwaho n’iteka rya Perezida, batoranywa mu bantu bafite ubushobozi n’ubuzobere mu byerekeranye n’ifaranga, imari cyangwa ubukungu.</p> <p>Iteka rya Perezida rivugwa mu gace ka 3° k’igika cya mbere cy’iyi ngingo rigena Umuyobozi n’Umuyobozi Wungirije b’Inama y’Ubuyobozi.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by’abagize Inama y’Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.</p> <p>Uretse Guverineri na Guverineri Wungirije, abandi bagize Inama y’Ubuyobozi bashyirwaho mu gihe cy’imyaka ine (4) gishobora kongerwa rimwe gusa.</p> <p>Mu gushyiraho abagize Inama y’Ubuyobozi, ikitabwaho ni uko imirimo y’ubuyobozi bwa BNR yakomeza itagize ubwo ihagarara”.</p>	<p>1° the Governor;</p> <p>2° the Deputy Governor;</p> <p>3° seven (7) other members appointed by Presidential Order and who are chosen among personalities with competence and wide experience in the monetary, financial or economic fields.</p> <p>The Presidential Order referred to in item 3° of Paragraph one of this Article determines the Chairperson and the Deputy Chairperson of the Board of Directors.</p> <p>At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.</p> <p>With the exception of the Governor and the Deputy Governor other members of the Board of Directors are appointed for a term of office of four (4) years renewable only once.</p> <p>In appointing members of the Board of Directors, continuity of NBR’s operations is taken into account”.</p>	<p>1° le Gouverneur;</p> <p>2° le Gouverneur Adjoint;</p> <p>3° sept (7) autres membres nommés par arrêté présidentiel et qui sont choisis parmi les personnalités ayant une compétence et une grande expérience dans les domaines monétaire, financier ou économique.</p> <p>L’arrêté présidentiel visé au point 3° de l’alinéa premier du présent article détermine le Président et le Vice-Président du Conseil d’Administration.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d’Administration doivent être de sexe féminin.</p> <p>À l’exception du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint, les autres membres du Conseil d’Administration sont nommés pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.</p> <p>Lors de la nomination des membres du Conseil d’Administration, la nécessité d’assurer la continuité dans l’administration de BNR est tenue en considération”.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 4: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 4: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 5: Repealing provision</u></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><u>Article 6: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 4: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.</p> <p><u>Article 5: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 6: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

Kigali,

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:
Sean and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux